ICYEMEZO N° 026/2022/TB/BWS-JDD CYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA GITEGEKA UMUBURANYI KWITABA URUKIKO.

Umunsi wa cumi n'umunani, ukwezi kwa Ukwakira, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri;

Twebwe RIZIKI Madeleine, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu iburanisha ryo kuwa 13/10/2022 ry'urubanza RP 00551/2021/TB/BWS, UBUSHINJACYAHA buregamo uwitwa MUKANGOGA NAYEME mwene KAREKEZI na NYIRANDIMBIRA ELINA utuye mu Mudugudu wa Bikunda, Akagari ka Gisovu, Umurenge wa Twumba, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba , ukora .................................. Tel +250789300759 icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake; uwitwa MUKANGOGA NAYEME atitabye urukiko ariko umwanditsi w'urukiko wagerageje guhamagara abayobozi b'umudugudu n'akagari uregwa abarizwamo ariko akazibura ku murongo inshuro nyinshi;

Tumaze kubona ko urukiko rwemeje ko ahamagazwa ahatazwi kuko nta bundi buryo bwakoreshwa mu kumumenyesha itariki y'iburanisha;

Dushingiye ku ngingo ya 99 y'Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ivuga ko «Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo, inyandukuro yayo mu magambo ahinnye ikamanikwa aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera kandi ikamenyeshwa rubanda hakoreshejwe inzira yose urukiko rusanze iboneye mu gihe cy'amezi abiri (2). Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akamenyeshwa ko kopi y'ikirego imutegereje mu bwanditsi bw'Urukiko. Icyemezo gitangazwa mu kinyamakuru kimwe cya Leta, byaba ngombwa kikanatangazwa no mu kindi kinyamakuru cyigenga gisomwa na benshi cyagenwe na Perezida w'Urukiko. Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radiyo, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa».

Dutegetse ko MUKANGOGA NAYEME wavugiwe imyirondoro haruguru ahamagazwa ahatazwi mu buryo bw'imenyesharuhame bakazitaba urukiko kuwa 15/12/2022 i saa mbiri za mugitondo kandi iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

RIZIKI Madeleine — MPORWIKI Jean Marie Vianney

PEREZIDA W'URUKIKO — UMWANDITSI W'URUKIKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TB BWISHYURA
P.O.B: ..................................................
TEL.: ..................................................
E-mail: ..................................................

INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 17 w'ukwezi kwa Ukwakira

Bisabwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na SEMUHUNGU Paul

Twebwe MPORWIKI Jean Marie Vianney umwanditsi w'UrukikoTB BWISHYURA

Nshingiye ku ngingo 98, 102 n'iya 103 z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Menyesheje MUKANGOGA NAYEME mwene KAREKEZI na NYIRANDIMBIRA ELINA utuye mu Mudugudu wa Bikunda, Akagari ka Gisovu, Umurenge wa Twumba, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba , ukora .................................. Tel +250789300759 uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - ariko ubu utazwi aho atuye, ko agomba kwitaba UrukikoTB BWISHYURA, 2022-12-15 kuwasaa 08:00 aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha;

Kugira ngo yiregure ku kirego yarezwegifite n° RP 00551/2021/TB/BWS cyatanzwe cyatanzwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na -

Ikiburanwa: Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, TB BWISHYURA manitse kopi y'iri hamagara ........................ (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandiko yayo mu magambo ahinnye nyimanitse ku miryango y'Iinkiko Zisumbuye mu gihe cy'amezi abiri ».

Iri hamagara rizamara amezi abiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 103 y'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 09/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

UHAMAGAWE
MUKANGOGA NAYEME

UMWANDITSI
MPORWIKI Jean Marie Vianney